ICYICARO GIKURU CYA KILIZIYA GATOLIKA KU ISI

URWANDIKO RWA GISHUMBA RWA NYIRUBUTUNGANE PAPA FRANSISKO MU GIHE KILIZIYA IHIMBAZA ISABUKURU Y'IMYAKA 150 ISHIZE MUTAGATIFU YOZEFU AGIZWE UMURINZI WA KILIZIYA Y'ISI YOSE

"N'UMUTIMA WA KIBYEYI"

N'umutima wa kibyeyi: uko ni ko Yozefu yakundaga Yezu, ku buryo n'abanditsi b'Ivanjili bamwita "mwene Yozefu". [1]

Abanditsi babiri b'Ivanjili, Matayo na Luka bamuvugaho bike, ariko bihagije mu kumvikanisha uwo ari we, uko yitwaraga nk'umubyeyi ndetse n'umurimo Imana yamushinze.

Yari umubaji uciye bugufi (reba Mt 13,55), wasabye Mariya ngo amubere umugore (reba Mt 1,18; Lk 1,27); umugabo w'intungane (reba Mt 1,19), umuntu uharanira kubahiriza amategeko y'Imana (reba Lk 2,22.27.39), uwo umumalayika wa Nyagasani yabonekeye mu nzozi (reba Mt 1,20;2, 13.19.22) Nyuma yo gukora urugendo rurerure kandi ruruhije ava i Nazareti ajya i Betelehemu, yabonye Umukiza avukira mu kiraro, « kuko nta wundi mwanya ukwiye bari babonye aho bacumbika » (Lk 2, 7). Yiboneye abashumba baza kuramya uruhinja (Reba Lk 2, 8-20) kimwe n'abanyabwenge (Reba Mt 2, 1-12) bahagarariye umuryango w'abayisiraheli hamwe n'abapagani.

Yagaragaje ubutwari yemera kwakira Yezu nk'umwana we mu buryo bwemewe n'amategeko kandi akanamwita izina ryari ryatangajwe na malayika: « …uzamwite Yezu, kuko ari we uzakiza umuryango we we ibyaha byawo » (Mt 1, 21) .Nk'uko tubizi, ku bantu ba kera, kwita umuntu cyangwa ikintu izina byabaga bisobanuye ko uwo muntu cyangwa icyo kintu ari ibyawe, nk'uko tubibona mu rugero rwa Adamu dusanga mu gitabo cy'Intangiriro (reba Intg 2, 19-20).

Nyuma y'iminsi mirongo ine Yezu avutse, Yozefu yajyanye na Mariya kumutura Imana mu Ngoro aho yantunguriwe n'ubuhanuzi bw'umusaza Simewoni kuri Yezu na Mariya. (Reba Lk 2, 22-35). Yozefu yahungiye mu gihugu cya Misiri kugira ngo arinde Yezu kwicwa na Herode (reba Mt 2, 13-18). Aho agarukiye mu gihugu cye, yabayeho yihishe mu mudugudu muto utazwi wa Nazareti muri Galileya, aho, byari bizwi ko « nta muhanuzi wahavuka » kandi ko « nta cyiza cyahava » (reba Yh 7, 52; 1, 46), kure ya Betelehemu, aho yari yaravukiye, hakaba na kure y'ingoro y'i Yeruzalemu. Mu gihe kandi bajyaga gusengera i Yeruzalemu, babuze umwana wabo Yezu wari mu kigero cy'imyaka cumi n'ibiri, Yozefu na Mariya bamushakishije bahagaritse umutima, bamusanga mu Ngoro aganira n'abahanga mu by'amategeko (reba Lk 2, 41-50).

Nyuma ya Mariya, Nyina w'Imana, nta wundi mutagatifu wagize umwanya munini mu nyigisho z'abapapa nka Yozefu, umugabo we. Abambanjirije bacukumbuye ubutumwa bukubiye mu mirongo imwe n'imwe yo mu Ivanjili bagamije kugaragaza uruhare rwe rukomeye mu mateka y'ugucungurwa kwacu. Umuhire Papa Piyo wa 9 yamutangaje nk' « Umurinzi wa Kiliziya Gatolika », [2] Nyaguhirwa papa Piyo wa 12 amugaragaza nk' « Urugero rw'abakozi », [3] naho Mutagatifu Yohani Pawulo wa 2 amugaragaza nk' « Umurinzi w'Umucunguzi ». [4] Umuryango w'Imana umwiyambaza nk' « Umurinzi udufasha gupfa neza ».

Kimwe n'abo bose, mu gihe twizihiza isabukuru y'imyaka 150 Mutagatifu Yozefu amaze atangajwe nk'Umurinzi wa Kiliziya Gatolika bikozwe n'Umuhire Papa Piyo wa 9 ku wa 8 Ukuboza 1870, nk'uko Yezu abivuga ko « akuzuye umutima gasesekara ku munwa » (Mt 12, 34), nanjye ubwanjye nifuje kubasangiza ibyo nazirikanye kuri iyo sura idasanzwe ihuye rwose n'ubuzima bwa muntu buri wese muri twe abamo. Iki cyifuzo cyanyinjiyemo cyane muri aya mezi y'icyorezo tumazemo iminsi, mpereye ku bibazo cyaduteje no ku kuntu « ubuzima bwacu bubungwabungwa n'abantu basanzwe, akenshi b'intamenyekana, batajya bavugwa cyane mu binyamakuru, yewe batigera banagaragara mu karasisi ku minsi mikuru ikomeye ariko muri ibi bihe bari kwandika ibintu bikomeye mu mateka yacu. Abo ni abaganga, abaforomo n'abaforomokazi, abacuruzi bo mu masoko, abakozi bashinzwe isuku, abashinzwe kwita ku ngo, abatwara abantu, abashinzwe umutekano, abakorerabushake, abapadiri, ababikira n'abandi benshi bamaze kumva ko nta muntu wakwitabara wenyine. […] Ese ni bangahe muri twe bagaragaza kwihangana no kurema abandi agatima, bitondera kudatera ubwoba ahubwo bagafatanya inshingano n'abandi! Ni abapapa, abamama, ba nyogokuru na ba sogukuru bangahe, ni abarimu bangahe bereka abana bacu, binyuze mu bimenyetso byoroheje kandi bya buri munsi, uburyo bwo guhangana no kunyura mu bibazo hakoreshejwe guhindura ibyo bari bamenyereye, no kurangamira ijuru mu isengesho! Ni bangahe basenga, bitanga ngo basabire buri wese gukora icyiza! » [6]

Twese dushobora kubona muri Yozefu Mutagatifu umuntu w'intamenyekana, umuntu duhorana buri munsi, umuntu mwiza ariko utagaragara, umuvugizi, umufasha n'utwereka inzira mu gihe cy'ibibazo. Mutagatifu Yozefu aratwibutsa ko abantu b'intamenyekana cyangwa abo dushyira « inyuma y'abandi » bafite uruhare rutagereranywa mu mateka y'ugucungurwa. Reka mbabwire bose ko ibyo bakora tubibona kandi tubibashimira.

1. Umubyeyi ukunzwe

Ubutagereranywa bwa Mutagatifu Yozefu bugizwe no kuba yari umugabo wa Mariya akaba na se w'umutsindirano wa Yezu. Uko ni ko, « yinjiye mu mugambi w'ubucunguzi », nk'uko bishimangirwa na Mutagatifu Yohani Kirizostome.

Mutagatifu Pawulo wa 6 asanga ububyeyi bwe bwigarararije ku buryo budasubirwaho mu « guhindura ubuzima bwe umurimo n'igitambo ku iyobera ryo kwigira umuntu kwa Jambo ndetse n'ubutumwa bwo gucungura isi. Bugaragarira kandi ku buryo yakoresheje ubutware bwemewe n'amategeko ku muryango mutagatifu kugira ngo awuhe impano yuzuye, y'ubuzima bwe, n'umurimo we. Ububyeyi bwa Yozefu bunagaragarira mu kuntu yahinduye umuhamagaro wa kimuntu mo urukundo rwo mu rugo, mu kwitanga kwe we ubwe mu buryo burenze ubwa kimuntu, mu kwegurira mutima we ndetse n'urukundo rwe rwose gukorera Umukiza wakuriye mu rugo rwe ». [8]

Kubera uruhare yagize mu mateka y'ugucungurwa kwacu, Mutagatifu Yozefu yabaye umubyeyi abakristu batahwemye gukunda, nk'uko bigaragazwa n'ukuntu za kiliziya nyinshi zakomeje kumwiyambaza. Ibigo byinshi by'abiyeguriyimana, n'amatsinda ya Kiliziya bakururwa n'ubusabaniramana bwe kandi bikitirirwa izina rye. Ibyo si ibya vuba kandi kuko hashize ibinyejana bitari bike hakorwa ibintu byinshi bigaragaramo uko yubashywe. Abatagatifu benshi baramwubashye, muri bo harimo Tereza wa Avila wamufashe nk'umwunganizi akaba n'umuvugizi, wagiye amwisunga cyane kandi akagirirwa ineza yamusabye kugeza ubwo yageze n'aho ashishikariza abandi kumwubaha abitewe n'uburyo yari amaze kumwibonamo.

Muri buri gitabo cy'amasengesho, dusangamo amasengesho ya Mutagatifu Yozefu. Buri wa gatatu, yiyambazwa ku buryo bw'umwihariko, cyane cyane mu kwezi kwa Werurwe ubusanzwe kwamweyeguriwe.

Icyizere umuryango w'Imana ufitiye Mutagatifu Yozefu kigaragarira mu mvugo « ite ad Joseph » (nimujye kwa Yozefu} yibutsa cya gihe Misiri yose yayogozwaga n'inzara ikomeye maze abantu bajyaga gutakira Farawo bamwaka ibyo kurya akabasubiza ati, « Nimusange Yozefu, mukore ibyo abategetse » (Intg 41, 55). Uwo Yozefu yari wa muhungu wa Yakobo wagurishijwe n'abavandimwe be kubera kumugirira ishyari (reba Intg 37, 11-28) hanyuma, nk'uko bivugwa muri Bibiliya, yaje kuba igisonga cy'umwami wa Misiri (reba Intg 41, 41-44).

Nk'ukomoka mu muryango wa Dawudi (reba Mt 1, 16.20), wagombaga kuzavukamo umukiza Yezu nk'uko umuhanuzi Natani yari yarabisezeranyije umwami Dawudi (reba 2 Sam 7), byongeye kandi nk'umugabo wa Mariya w'i Nazareti, Mutagatifu Yozefu yabaye ikiraro gihuza Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya.

2. Umubyeyi ugira ubwuzu n'urukundo

Yozefu yabonye uko Yezu yakuraga umunsi ku munsi « yunguka ubwenge n'igihagararo, anyuze Imana n'abantu » (Lk 2, 52). Nk'uko Uhoraho yari yarabigenjereje Isiraheli, « yamwigishije kugenda, amufata ukuboko. Ni we wamufataga ukuboko akamwigisha gutambuka. Yamubereye nk'umubyeyi uteruye umwana we akamwiyegamiza ku musaya, agaca bugufi akamugaburira » (Reba Hoz 11, 3-4).

Yezu yabonye urukundo rw'Imana rurangwa n'ubwuzu muri Yozefu. « Uko umubyeyi agirira ibambe abana be, ni ko Uhoraho agirira ibambe abamutinya » (Zab 103, 13).

Mu gihe cy'isengesho rya Zaburi mu isinagogi, nta shiti ko Yozefu yaba yarahumviye ko Uhoraho Imana ya Isiraheli agirira bose ibambe, [11] ko ari mwiza kuri bose kandi ko « imbabazi ze zisakara ku biremwa bye byose » (Zab. 145, 9).

Amateka y'ugucungurwa kwacu yuzurizwa mu « kwizera ibidashoboka » (Rom 4, 18), mu ntege nke zacu. Kenshi na kenshi, twibwira ko Imana itugirira neza ishingiye ku byiza twakoze, mu gihe mu by'ukuri imigambi yayo myinshi isohozwa kabone nubwo twaba twagaragaje intege nke. Aha ni ho Pawulo mutagatifu ahera agira, ati « Maze kugira ngo ibyo bintu bihanitse nahishuriwe bitantera kwirarika, nashyizwe umugera mu mubiri, ari yo ntumwa ya sekibi ngo ijye inkubita, nirinde kwikuza. Ibyo byatumye nsaba Nyagasani gatatu kose ngo ayinkize. Maze aransubiza ati, 'ingabire yanjye iraguhagije, kuko ububasha bwanjye bwigaragariza cyane cyane mu banyantegenke' » (2 Kor 12, 7-9).

Niba iryo ari ryo banga ry'umukiro, tugomba kwitoza kwakirana ubwuzu bwose intege nke zacu.

Umushukanyi atwoshya kureba intege nke zacu no guca imanza mbi. Nyamara Roho agashyira byose ahabona abigiranye ubwuzu. Kugira ubwuzu ni byo bidufasha kugera ku byoroshye biturimo. Kwerekana ibitagenda ku bandi ndetse no kubacira imanza dukunze gukora ni ikimenyetso cy'uko tudashobora kwakira muri twe intege nke zacu. Ni ku bw'ibambe tuzakizwa Kareganyi uhora aturega ku Mana yacu (reba Ibyah 12,10). Iyi ni yo mpamvu ari ngombwa guhura n'Impuhwe z'Imana, cyane cyane mu Isakramentu rya Penetensiya rituma twibonera ukuri n'ubwuzu by'Imana. Igitangaje ariko ni uko n'Umushukanyi na we ashobora kutubwira ukuri. Ariko we iyo abikoze aba agamije kuduhanisha. Kandi tuzi ko Ukuri guturuka ku Mana kutaducira urubanza, ahubwo kuratwakira, kukaduhobera, kuradukomeza kandi kukatubabarira. Ukuri guhora kutwiyereka nka wa mubyeyi wo mu mugani w'umwana w'ikirara (reba Lk 15,11-32): kuza kudusanganira, kukadusubiza icyubahiro, kuraduhagurutsa, kukadukorera umunsi mukuru kuko "Umwana wanjye yari yarapfuye, none yazutse, yari yarazimiye none yatahutse" (umur. 24).

Ugushaka kw'Imana, amateka yayo, umugambi wayo, na byo byanyuze kuri Yozefu. Yozefu atwigisha rero ko kwemera Imana bikubiyemo kwizera ko ishobora gusohoza umugambi wayo kabone nubwo twe twaba dufite ubwoba cyangwa intege nke. Aratwigisha kandi ko mu muhengeri w'ubuzima, tutagomba gutinya ko Imana iba umusare w'ubwato bwacu. Rimwe na rimwe hari ubwo tujya twifuza kuba twagenzura byose, ariko burya iba iturebera.

3. **Umubyeyi urangwa no kumvira**

Imana kandi yahishuriye Yozefu imigambi yayo binyuze mu nzozi, mbega nk'uko byagenze kuri Mariya igihe yamugaragarizaga umugambi wayo wo gukiza isi. Muri Bibiliya, kimwe no ku bantu bose ba kera, inzozi zafatwaga nka bumwe mu buryo Imana igaragazamo ubushake bwayo.

Yozefu yagize uguhangayika cyane igihe yamenyaga ko Mariya yasamye mu buryo we atumvaga. Cyakora yanze kumukoza isoni ngo « amurege ku mugaragaro » [14] ahubwo ahitamo « kumusenda rwihishwa » (Mt 1,19). Mu nzozi za mbere, umumalayika wa Nyagasani amufasha gukemura icyo kibazo, ati « Witinya kuzana umugeni wawe Mariya, kuko yasamye ku bubasha bwa Roho Mutagatifu. Azabyara umwana uzamwite Yezu, kuko ari we uzakiza umuryango we ibyaha byawo » (Mt 1, 20-21). Yozefu ntiyazuyaje, nuko « Yozefu akangutse abigenza uko Umumalayika wa Nyagasani yamutegetse » (Mt 1,24). Ku bwo kumvira, yatsinze ibyari bimwugarije kandi akiza Mariya.

Mu nzozi za kabiri, umumalayika wa Nyagasani abwira Yozefu, ati « Byuka, ujyane umwana na nyina, uhungire mu Misiri ; maze ugumeyo kugeza igihe nzakubwirira, kuko Herodi agiye guhigahiga umwana ngo amwice » (Mt 2, 13). Yozefu ntiyazuyaje mu kumvira, yewe nta n'ubwo yabanje kubaza imitima ku bibazo n'ingorane yari agiye guhurira na byo muri urwo rugendo. Nuko « Yozefu arabyuka, ajyana umwana na nyina ijoro ryose, ahungira mu Misiri. Nuko abayo kugeza igihe Herodi apfiriye » (Mt 2, 14-15).

Ageze mu gihugu cya Misiri, Yozefu, yategereje yizeye kandi yihanganye ko Umumalayika amubwira igihe azahungukira. Mu nzozi za gatatu, Umumalayika wa Nyagasani yamumenyesheje ko abashakaga kwica umwana bapfuye, amutegeka guhaguruka, akajyana umwana na nyina agasubira mu gihugu cya Israheli (reba Mt 2, 19-20). Yongeye kumvira atazuyaje, maze « Yozefu arabyuka, afata umwana na nyina, asubira mu gihugu cya Israheli » (Mt 2,21).

Cyakora mu rugendo ataha, « aza kumenya ko Arikelawusi yazunguye se Herodi mu Yudeya, atinya kujyayo. Yaburiwe mu nzozi, kandi ubwo byari bimubayeho ku nshuro ya kane, agana mu karere ka Galileya, ajya gutura ku musozi witwa Nazareti ». (Mt 2, 22-23).

Luka, Umwanditsi w'Ivanjili avuga ko Yozefu yahuye n'urugendo rurerure kandi rutoroshye kuva i Nazareti ajya i Betelehemu kwibaruza mu mujyi yavukiyemo, nk'uko amategeko y'ibarura y'Umwami w'abami Kayizari Agustusi yabiteganyaga. Ibi bihe ni byo Yezu yavutsemo (reba Lk 2, 1-7) kandi yandikwa mu bitabo by'ubwami nk'abandi bana bose.

Mutagatifu Luka, by'umwihariko, agaragaza cyane uburyo ababyeyi ba Yezu bitwararikaga mu kubahirza amategeko yose. Twareba imihango yo kugenywa kwa Yezu, yo gusukurwa kwa Mariya nyuma yo kubyara, n'iyo gutura Imana umwana w'imfura (reba Lk 2, 21-24). [15]

Mu bihe byose by'ubuzima bwe, Yozefu yagiye amenya kuvuga "fiat" ye (ndabyemeye), kimwe na Mariya igihe abwiwe na Malayika ko azabyara umwana w'Imana, ndetse na Yezu igihe yari mu murima wa Getsemani.

Mu nshingano ze nk'umutware w'umuryango, Yozefu yigishije Yezu kumvira ababyeyi be (Reba Lk 2, 51), bijyanye n'amategeko y'Imana (Reba Iyim 20, 12).

Mu gihe Yezu yari atarigaragaza, akiba i Nazareti, Yozefu ni we wamutoje gukora ugushaka kwa Se. Uko gukora ugushaka k'Uwamutumye byamubereye ibyo kurya bimutunga (reba Yh 4, 34). Ndetse no mu bihe ubuzima bwe bwari bugeze ahaga, i Getsemani, yahisemo gukora ibyo Se ashaka aho gukora ibye, [16] maze yemera "kumvira kugeza ku rupfu […] rw'umusaraba" (Fil 2, 8). Ni yo mpamvu mu ibaruwa Pawulo Mutagatifu yandikiye Ababebureyi yanzura agira, ati « Ibyo yababaye byamwigishije kumvira » (5, 8).

Ibyo byose bigaragaza ko Yozefu « yashinzwe n'Imana kurera Yezu nk'umubyeyi. Uko ni ko afatanya na we mu buryo busesuye mu ibanga rikomeye ry'Ubucunguzi aho afitemo umurimo ukomeye cyane. » [17]

4. Umubyeyi uzi kwakira ibimubayeho

Yozefu yakiriye Mariya nta yandi mananiza amushyizeho. Yizeye amagambo ya Malayika. « Ubupfura bw'umutima we butuma ajyanisha ubagiraneza n'ibyo yigiye ku mategeko. Muri iki gihe isi ikomeje kurangwamo ihohotera rikorerwa abagore rishingiye ku mitekerereze, mu magambo no ku mubiri, Yozefu agaragaza ishusho y'umugabo wubaha, wuje ubwuzu, uhitamo guhesha icyubahiro izina n'ubuzima bwa Mariya nubwo atamufiteho amakuru ahagije. Maze mu gihe yari acyibaza uko ari buze kubigenza atamusebeje, Imana iramufasha, imurikira uguhitamo kwe" [18]

Mu buzima bwacu, ni kenshi hari ibintu bitubaho ntidushobore kubyakira. Icyo gihe ikintu cya mbere dukora ni ukugaragaza ko twahemukiwe no kwivumbura. Yozefu we yirengagije ibitekerezo bye kugira ngo abone umwanya w'ibyabaye kandi, nubwo birenze ubwenge bwe, arabyakira, arabyishingira kandi abihuza n'amateka ye. Niba tutakiriye amateka yacu, ntituzashobora gutera intambwe ikurikira kuko tuzahora turi ingwate z'ibyo dutegereje bishobora no kurangira tutabibonye.

Ubuzima nsabaniramana Yozefu atwereka ntabwo ari inzira isobanura, ahubwo ni inzira yakira. Ni muri uku kwakira, muri ubwo bwiyunge, natwe dushobora kugira amateka akomeye, afite icyo asobanuye. Aha hahita humvikanisha uburemere bw'amagambo ya Yobu ubwo umugore we yamusabaga kwivumbura, no kwihandagaza agatuka Imana kubera ibibi byose byari biri kumugwiririra. Nyamara Yobu aramusubiza, ati « Ko twakira nk'umugisha ihirwe Imana iduhaye, ni kuki tutakwakira neza ibyago itwohererereza? » (Yobu 2, 10).

Yozefu ntabwo yari umuntu utazi ibyo arimo, ahubwo ni umuntu ufite umurava kandi wiyemeje ashize amanga. Kwakira ni uburyo impano y'imbaraga zitugeraho ziva kuri Roho Mutagatifu yigaragaza mu buzima bwacu. Nyagasani wenyine ni we ushobora kuduha imbaraga zo kwakira ubuzima uko bumeze, ndetse n'ibitubaho tutabishaka, bitunguranye rimwe na rimwe binadutera kwiheba.

Yezu yaje muri twe nk'impano y'Imana Data kugira ngo afashe buri wese kwakira amateka ye, kabone n'iyo yaba atayasobanukiwe neza.

Ibyo Imana yabwiye uyu mutagatifu, iti« Yozefu mwana wa Dawudi, witinya » (Mt 1, 20), birasa n'aho natwe ibidusubiriramo uyu munsi, iti « Mwitinya! ». Tugomba gushyira ku ruhande uburakari no gutenguhwa, kandi tugaha umwanya ibyo tutahisemo nyamara biriho, tutabikoze nk'ab'isi gusa ahubwo tubigiranye imbaraga zuzuye ukwizera. Kwakira ubuzima muri ubu buryo bituma dusobanukirwa n'ibyo tutabona. Buri wese ashobora kongera kubaho mu buryo butangaje niba agize ubutwari bwo kubaho akurikije ibyo Ivanjili yigisha. Kandi ntacyo bitwaye niba ibintu byose bisa nk'aho byagenze nabi ndetse hari na bimwe bidashobora guhinduka. Imana ishobora kumeza indabo ku rutare. Nubwo umutima wacu waducira urubanza, tuzi ko « Imana isumbye kure imitima yacu, kandi ko ibona byose » (1Yh 3, 20).

Reka nongere ngaruke ku bukristu bwakira ibibaho byose. Mu buryo butangaje kandi budasubirwaho, uko twakira ibyo duhuye na byo ni byo bituma tubaho neza cyangwa nabi. Ibi ni byo bituma intumwa Pawulo avuga, ati« Tuzi kandi ko byose bihira abakunda Imana, ari bo yihamagariye ku bwende bwayo » (Rom 8,28). Kuri ibyo, Mutagatifu Agusitini yongeyeho, ati « No mu cyitwa ikibi (etiam illud quod malum dicitur) ». [19] Uwabifata muri rusange, yavuga ko ukwemera gutanga ibisobanuro ku bintu byose, bishimishije cyangwa bibabaje.

Kugira ukwemera ntibisobanura kubona ibisubizo byoroshye bihumuriza. Ukwemera Yezu Kristu yatwigishije ni uko dusangana Mutagatifu Yozefu udashaka inzira ngufi ahubwo ufungura amaso imbere y'ibimubaho, akabyinjiramo wenyine ntawe asiganyije.

Uko kwakira kwa Yozefu kuraduhamagarira kwakira abandi nta we duheje, uko bari kose, by'umwihariko tureba abanyantegenke kuko Imana yahisemo aboroheje (reba 1 Kor 1,27). « Ni Umubyeyi umenya impfubyi, akanarenganura abapfakazi » (Zab 68, 6) kandi igategeka gukunda umunyamahanga. Aha navuga ko Yezu ashobora kuba yaraciye umugani w'umuhungu w'ikirara na se w'umunyampuhwe, ashingiye ku imyitwarire ya Yozefu (reba Lk 15,11-32).

5. Umubyeyi uzi guhanga udushya

Niba intambwe ya mbere mu gukira ku mutima ari ukwakira amateka yacu bwite, ni ukuvuga kuyashakira umwanya muri twe, harimo n'ayo tutahisemo mu buzima bwacu, tugomba kongeraho ikindi kintu cy'ingenzi ari cyo ubutwari bwo gutekereza ku gikwiye gukorwa, cyane cyane iyo

umuntu ahuye n'ingorane. Mu by'ukuri, iyo umuntu ahuye n'ikibazo mu byo yakoraga ashobora gucika intege akabihagarika, cyangwa se akiyemeza guhangana na cyo. Rimwe na rimwe, ingorane zitumaraho ubutunzi tutari tuzi ko tunafite.

Kenshi iyo umuntu asomye « ibyo Ivanjili ivuga ku kuvuka n'imikurire ya Yezu » ntiyabura kwibaza impamvu Imana itigaragaje mu buryo butaziguye kandi bwumvikana. Ariko Imana ikoresha ibintu n'abantu. Yozefu ni umuntu Imana yifashishije mu ntangiriro y'amateka y'ugucungurwa kwacu. Ni we Imana yakoresheje igitangaza ikiza Umwana na nyina. Ijuru riratabara ryizeye ubutwari bwo guhanga bw'uyu mugabo, utunganya ikiraro kandi akagitegura neza bishoboka kugira ngo kibe ahantu hakira umwana w'Imana uje mu isi (Reba Lk 2, 6-7) nyuma y'uko yari ageze i Betelehemu akabura inzu Mariya ashobora kubyariramo. Ubwo bari bugarijwe n'akaga gaturutse kuri Herode washakaga kwica Umwana, Yozefu araburirwa, na bwo mu nzozi, kugira ngo amurengere, nuko ategura ibyo guhungishiriza umwana na nyina mu Misiri agenda ijoro ryose (reba Mt 2, 13-14).

Iyo dusomye neza iyi nkuru ntitwaba twibeshye tuvuze ko isi ari akarima k'abakomeye n'abanyembaraga. Ariko « Inkuru nziza » dusanga mu Ivanjili itugaragariza ko, nubwo hari ubwo bwibone n'urugomo by'abagenga b'isi, Imana itabura uko isohoza umugambi wayo wo gukiza abantu. Yewe no kubaho kwacu rimwe na rimwe usanga bishingira ku bakomeye. Ariko Inkuru Nziza itubwira ko, icyangombwa tugomba kumenya ari uko Imana itananirwa kudutabara mu gihe tugize ubutwari bwo kumenya igikwiye gukorwa nk'umubaji w'i Nazareti wamenye guhindura ikibazo mo amahirwe, yiringiye ubuntu bw'Imana.

Hari ubwo rimwe na rimwe tuba tubona Imana isa n'aho ntacyo idufasha. Ibyo ntibisobanuye ko yadutereranye, ahubwo bivuze ko itwizeye, ko yizeye ibyo dushobora gutegura, guhimba, no kugeraho.

Hakenewe ubutwari bwo gutekereza kure nka bumwe bwerekanwe n'inshuti z'uwamugaye zigiriye inama yo kumunyuza mu gisenge cy'inzu kugira ngo zimugeze kuri Yezu (reba Lk 5, 17-26). Ingorane ntizakomye imbere ishyaka no guharanira kugera ku ntego kw'izo nshuti ze. Bari bazi neza ko Yezu akiza abarwayi ariko « kubera ko bari babuze aho banyura ngo bamumugezeho kubera ubwinshi bw'abantu bari aho, burira inzu, bayikuraho amategura, bururukiza ingobyi imbere ya Yezu. Abonye ukwemera kwabo, Yezu aravuga, ati « Wa muntu we, ibyaha byawe urabikijijwe » (umur. 19-20). Yezu atangarira cyane kandi agaha agaciro ukwemera kw'abo bagabo kwatumye batekereza cyane ku cyo bakora ngo bamugezeho inshuti yabo yari irwaye.

Ivanjili ntigaragaza igihe Mariya, Yozefu, n'Umwana Yezu bamaze mu Misiri. Ariko ibyo ari byo byose, bagezeyo bakenera kurya, kubona aho baba, no gushaka umurimo wo kubatunga. Ntabwo bisaba gutekereza cyane kugira ngo twiyumvishe ibyo Ivanjili itavuga. Umuryango mutagatifu wagombaga guhura n'ibibazo bikomeye nk'uko bigendekera indi miryango, ndetse na benshi mu bavandimwe bacu b'abimukira bakomeje guhara amagara yabo bahunga amakuba n'inzara. Muri urwo rwego, ndizera ko Mutagatifu Yozefu ari umurinzi wihariye ku bantu bose bava mu bihugu byabo batabishaka kubera intambara, inzangano, gutotezwa n'ubukene bukabije.

Ivanjili igaragaza Yozefu nk'intwari aho rukomeye hose. "Yozefu arabyuka ajyana umwana na nyina, kandi abigenza nk'uko Imana yabimutegetse" (Reba Mt 1, 24; 2, 14, 21). Mu by'ukuri, Yezu na nyina Mariya bafite umwanya ukomeye mu kwemera kwacu.

Mu mugambi w'Imana wo gukiza isi, ntidushobora gutandukanya, Mwana na nyina, n' « Uwakoze urugendo nyobokamana mu kwemera, agaherekeza Umwana we kugeza ku musaraba ».

Tugomba guhora twibaza niba turwanirira twivuye inyuma Yezu na Mariya twaragijwe, tugomba kwitaho, no kubarinda. Umwana w'Imana ishobora byose yaje mu isi yigize umunyantegenke cyane. Ahanze amaso Yozefu amutezeho kumurwanirira, kumurinda, kumwitaho no kumurera. Imana yari ifitiye uyu mugabo icyizere, ndetse na Mariya yabonaga muri Yozefu umuntu udashaka kurokora ubuzima bwe gusa ngo bicire aho, ahubwo umuntu uzanahora amwitaho we n'Umwana we. Ni muri urwo rwego, Yozefu atabura kuba Umurinzi wa Kiliziya, kubera ko Kiliziya ari yo ikomeza kuba Umubiri wa Kristu, kandi no mu bubyeyi bwa Kiliziya hakaba hagaragaramo ububyeyi bwa Mariya. Mu gukomeza kurinda Kiliziya, Yozefu akomeza kurinda Umwana na nyina. Iyo dukunda Kiliziya, natwe tuba dukomeje gukunda Umwana na nyina.

Uyu Mwana ni we uzavuga, ati « Ibyo mwagiriye bamwe muri abo bavandimwe banjye baciye bugufi, ni jye mwabaga mubigiriye » (Mt 25, 40). Bityo rero umuntu wese ufite icyo abura, umukene, ubabara, uri hafi yo gupfa, umunyamahanga, imfungwa, umurwayi wese ni wa « mwana » Yozefu akomeje kurengera. Ni yo mpamvu Mutagatifu Yozefu afatwa nk'umurinzi w'abanyabyago, abafite ibyo babuze, abakene, impunzi, abababaye, abari mu kaga, abagiye gupfa. Ni yo mpamvu kandi Kiliziya igomba gukunda abintamenyekana mbere ya byose, kubera ko Yezu yabahisemo, kugeza ubwo we ubwe yisanisha na bo. Dukwiye kwigira kuri Yozefu kwita ku muryango no kumenya inshingano zacu nka we ari zo gukunda Umwana na nyina; gukunda Amasakaramentu no gufasha abandi; gukunda Kiliziya n'abakene. Gukora buri kimwe muri ibyo mvuze bisa no kwita ku mwana na nyina.

6. Umubyeyi ugira umwete ku murimo

Kwita ku murimo ni ikintu cyaranze Mutagatifu Yozefu kandi cyahawe umwanya wihariye na Papa Lewo wa 13 mu rwandiko rwe « Rerum novarum ». Mutagatifu Yozefu yari umubaji wabikoranaga ubunyangamugayo kugira ngo ashobore kubeshaho umuryango we. Yezu yamwigiyeho agaciro, icyubahiro n'ibyishimo by'icyo kurya umugati wuhiye akuya bivuze.

Muri iki gihe cyacu aho akazi gasa n'akabaye ingume, aho ubushomeri rimwe na rimwe bugera ku rwego rwo hejuru, ndetse no mu bihugu byari bimaze imyaka bibarirwa mu bibayeho neza, ni ngombwa kumva no kongera kumenya igisobanuro cy'umurimo utanga icyubahiro, umurimo Mutagatifu Yozefu yabayemo intangarugero.

Umurimo utuma tugira uruhare mu mugambi w'Imana wo gukiza isi, ukaba umwanya wo kwihutisha ukuza kw'Ingoma y'Imana, guteza imbere ubushobozi n'imibereho y'abantu ku giti cyabo cyangwa ya sosiyete n'umuryango. Umurimo uduha amahirwe yo kuba abo turi bo, atari twe twenyine ahubwo n'imiryango yacu. Umuryango udafite akazi uba wugarijwe n'ingorane nyinshi cyane, amakimbirane, gucikamo ibice ndetse n'igishuko gihutiyeho cyo gutandukana. Ni gute dushobora kuvuga ku cyubahiro cya muntu turamutse tudaharanira ko buri wese agira amahirwe yo kubaho neza abikesheje umurimo?

Umuntu ufite umurimo akora uwo ari wo wose aba akorana n'Imana ubwayo, bityo agahinduka gato umuremyi w'isi idukikije. Ibibazo isi ifite muri iki gihe, ari ibishingiye ku bukungu, imibereho myiza, umuco n'ubusabaniramana, bitugaragariza ko buri wese asabwa kongera kumenya agaciro n'akamaro by'umurimo n'impamvu ukenewe kugira ngo ibintu byongere kumera neza nta n'umwe

uhejwe. Umurimo wa Mutagatifu Yozefu utwibutsa ko Imana ubwayo yigize umuntu itigeze isuzugura umurimo. Kubura akazi byibasiye abavandimwe bacu benshi, kandi bigenda byiyongera muri ibi bihe kubera icyorezo cya Covid-19, bigomba kutwibutsa ko tugomba kongera gusuzuma ibyo dushyira imbere. Ngaho nitwinginge Mutagatifu Yozefu urugero rw'abakozi kugira ngo adufashe kugira ubutwari bwo kuvuga, duti « nta musore, nta muntu, nta muryango udafite akazi! »

7. **Umubyeyi mu ishusho y'undi mubyeyi utagaragara**

Umwanditsi w'umunyapolonye, Jan Dobraczyński, mu gitabo cye cyitwa « Data mu wundi data » [24] yavuze ku buzima bwa Mutagatifu Yozefu mu buryo bw'ibarankuru. Akoresheje imvugo ishushanya yerekana Yozefu nk'umubyeyi wa Yezu ushushanya umubyeyi we w'ukuri wo mu ijuru. Amukurikiranira hafi, akamurinda, ntiyigere yitandukanya na we kugira ngo ashobore gukurikirana uko atera intambwe ajya mbere. Dutekereze ku byo Musa yibutsa abayisiraheli, ati « Ese ntabwo wiboneye, mu butayu, uko Uhoraho Imana yawe yaguhetse nk'uko umuntu aheka umwana we… » (Ivug 1, 31). Uku ni ko Yozefu yabaye umubyeyi ubuzima bwe bwose.

Ntituvuka turi ababyeyi, tubabo nyuma. Kandi ntitubabo gusa kubera ko tubyaye umwana, ahubwo kubera ko tumwitayeho mu buryo bwa kibyeyi. Igihe cyose umuntu afashe inshingano ku buzima bw'undi, mu buryo bumwe, aba amubereye umubyeyi.

Muri iki gihe, abana benshi usanga barapfushije ba se. Ndetse na Kiliziya muri iki gihe ikeneye ababyeyi b'abagabo. Umuburo wa Mutagatifu Pawulo ku Banyakorinti aho agira, ati "Naho mwagira ibihumbi n'ibihumbi by'abarezi muri Kristu, ababyeyi banyu si benshi" (1 Kor 4, 15) uracyafite akamaro no muri iki gihe cyacu. Buri mupadiri cyangwa umwepiskopi wese yagakwiye kuvuga nk'intumwa, ati "Ni jyewe wabibyariye muri Yezu Kristu ku bw'Inkuru Nziza" (1 Kor 4, 15). Abwira Abanyagalati, ati "Twana twanjye, ndacyari ku gise mbabyara kugeza igihe Kristu abaremwemo" (4, 19).

Kuba umubyeyi bisobanura kwigisha umwana uburyo bwo kubaho, akamenya ukuri kw'ibiriho. Si ukumufatira, kumufungirana, kumugira uwo ugenga, ahubwo ni ukumuha ubushobozi bwo guhitamo igikwiye, kwisanzura, no kumenya aho ashobora kujya n'aho atagomba kujya. Iyi yaba ari na yo mpamvu, uretse kubona Yozefu nk'umubyeyi, abakurambere banamubonamo umugabo w'indakemwa. Si mu bimenyetso gusa, ahubwo n'imyumvire ye igaragaza ko atarajwe inshinga no kugira ibye yigengaho. Ubudakemwa bushingiye mu kureka kwibwira ko mu biriho byose harimo ibyawe bwite wigengaho uko ushaka. Urukundo ruzira amakemwa ni rwo rukundo nyakuri. Urukundo rushaka ibiri ibyarwo buri gihe ruganisha mu kaga, rugira abo ruhindura imfungwa, abo rubuza amahwemo, n'abo rugwa nabi. Imana ubwayo yakunze umuntu urukundo ruzira amakemwa, imuha ubwisanzure bwe bwose yewe ndetse n'ubwo gukora amakosa kugeza n'aho kwiyangiza. Urukundo nyarwo buri gihe rurangwa no gutanga ubwisanzure, kandi koko Yozefu yamenye gukunda mu buryo butanga ubwisanzure budasanzwe. Mu mibereho ye, ntiyigeze yishyira imbere ngo yumve ko ari we byose bishingiyeho, ahubwo yashyize imbere Mariya na Yezu.

Ibyashimishaga Yozefu si ukwigomwa, ahubwo ni ukwitanga. Nta na hamwe dushobora kumubona yacitse intege, ahubwo aba afite icyizere gusa. Guceceka kwe kugenda kugaragara henshi ntikuvuze ko yagize ukwinuba ahubwo ni ikimenyetso gifatika cy'uko nta kimuteye ubwoba. Isi ikeneye ababyeyi nk'uyu, ntikeneye ababyeyi bashaka kuba abategetsi, ntikeneye abashaka kwigarurira abandi kugira ngo babakoreshe mu kuziba icyuho cyabo. Ntikeneye abitiranya igitsure n'igitugu, umurimo n'ubucakara, guhangana no gukandamiza, gufasha no kumva ko uwo ufashije ariho ku bwawe, kugira imbaraga no kurimbura. Umuhamagaro mwiza

wose uva mu kwitanga kurangwa no kwigomwa byo mu rwego rwo hejuru. Uku gukura k'ukwigomwa ni na ko gutuma umuntu aba umusaserdoti cyangwa wiyeguriyimana. Iyo umuhamagaro wo gushinga urugo, kuba ingaragu cyangwa isugi utarangwa no gukura mu kwigomwa ukagarukira gusa ku kwitanga, birangira ubaye ibyago, umubabaro n'urucantege aho kuba ikimenyetso cy'ubwiza n'ibyishimo by'urukundo.

Iyo ababyeyi badakurikiriye hafi imibereho y'abana babo, bibaha umwanya wo kwishakishiriza imibereho yabo ubwabo. Burya buri mwana aba yifitemo iyobera, agashya gashobora kujya ahagaragara gusa abifashijwemo n'umubyeyi wubaha ubwisanzure bwe. Umubyeyi uzi gukora umurimo we wo kurera no kuba umubyeyi mu buryo bwuzuye kugeza n'aho yiyibagirwa, mu gihe abona ko umwana yigenga kandi agenda wenyine mu nzira z'ubuzima. Umubyeyi ufite imigenzereze nk'iya Yozefu. Nubwo yari azi neza ko umwana atari uwe ariko yahoraga yibuka ko Imana yamumushinze. Ahanini, ibi ni byo Yezu avuga, ati « Ku isi ntimukagire uwo mwita umubyeyi wanyu, kuko mufite Umwe gusa, Imana Data uri mu ijuru » (Mt 23, 9).

Igihe cyose tubaye ababyeyi, tugomba guhora twibuka ko ibyo bitavuze ko hari abo tugomba kwigarurira, ahubwo ko ari « ikimenyetso » cy'uko duhagararariye Umubyeyi usumba abandi. Mu buryo bumwe cyangwa ubundi, twese duhora turi ba Yozefu, duhagarariye Imana Data uri mu ijuru « We uvusha izuba rye ku babi no ku beza, kandi akavubira imvura abatunganye n'abadatunganye » (Mt 5.45); Umubyeyi utagaragara ugenda inyuma y'Umwana.

* * *

Imana ibwira Yozefu, iti « Byuka, ujyane umwana na nyina » (Mt 2, 13).

Muri uru rwandiko ngamije gukundisha abantu benshi uyu mutagatifu ukomeye, kugira ngo tugire umwete mu kumwiyambaza maze adusabire no kwigana imico n'ishyaka bye.

Mu by'ukuri, ubutumwa bwihariye bw'abatagatifu ntabwo ari ugukora ibitangaza no gutanga ingabire gusa, ahubwo ni ukudusabira imbere y'Imana, nk'uko Aburahamu [26] na Musa babigenje, [27] nk'uko Yezu abigenza, « umuhuza rukumbi » (1 Tim 2, 5) uri kumwe n'Imana Data « umuvugizi » (1Yh 2, 1), « akaba anadutakambira » (Heb 7, 25; reba Rom 8, 34).

Abatagatifu bafasha abakristu bose « guharanira ubutagatifu no kuba intungane bakiriho ». Ubuzima bwabo ni ikimenyetso gifatika kigaragaza ko kubaho mu buryo bujyanye n'Inkuru Nziza bishoboka.

Yezu, ati « Mundebereho, kuko ngira umutima ugwa neza kandi nkoroshya » (Mt 11, 29). Abatagatifu na bo ni ingero z'ubuzima tugomba kwigana. Mutagatifu Pawulo yashishikaje mu buryo bweruye Abanyakorinti, ati « Nimukurikize urugero nabahaye » (1 Kor 4, 16). Mutagatifu Yozefu abivuga neza binyuze mu guceceka kwe.

Nyuma yo kwitegereza imibereho y'abatagatifu benshi, Mutagatifu Agusitini yaribajije, ati « Ibyo aba bose bakoze, wowe ntiwabishobora koko? » Kandi koko rero nyuma yaje guhinduka burundu ni ko kwiyamirira, ati « Bitinze, naragukunze, Bwiza bwa kera na kare kandi bwa vuba cyane! » [30]

Twisunze Mutagatifu Yozefu dusabe ingabire isumba izindi ari yo uguhinduka kwacu.

Tumuture iri sengesho:

Turakuramutsa, murinzi w'Umucunguzi,
Mugabo wa Bikira Mariya.
Wowe Imana yaragije Umwana wayo;
wowe Mariya yiringiye;
Wowe wafashije Kristu kuba umuntu.
Yozefu muhire, tubere umubyeyi natwe,
kandi utuyobore mu rugendo rwacu hano ku isi.
Turonkere ingabire, imbabazi n'ubutwari,
kandi uturinde ikibi cyose. Amina.

Bikorewe i Roma, kuri Bazilika ya Mutagatifu Yohani w'i Laterani, ku wa 8 Ukuboza, Umunsi mukuru ukomeye w'Ubutasamanywecyaha bwa Bikira Mariya, wo mu mwaka wa 2020, mu mwaka wa munani ndi Umushumba wa Kiliziya Gatolika ku isi

Papa Fransisko

---

[1] Lc 4, 22 ; Jn 6, 42 ; cf. Mt 13, 55 ; Mc 6 , 3.

[2] S. Rituum Congreg., Quemadmodum Deus, (8 décembre 1870): Pii IX P.M. Acta, pars I, vol. V, 283.

[3] Cf. Discours aux ACLI à l'occasion de la Solennité de saint Joseph Artisan (1er mai 1955) : AAS 47 (1995), p. 406.

[4] Exhort. ap. Redemptoris custos (15 août 1989) : AAS 82 (1990), pp. 5-34.

[5] Catéchisme de l'Église Catholique, n. 1014.

[6] Méditation en période de pandémie (27 mars 2020) : L'Osservatore Romano, éd. en langue française (31 mars 2020), p. 5.

[7] In Matth. Hom., V, 3 : PG 57, 58.

[8] Homélie (19 mars 1966) : Enseignements de Paul VI, IV (1966), p. 110.

[9] Cf. Livre de la vie, 6, 6-8.

[10] Tous les jours, depuis plus de quarante ans, après les Laudes, je récite une prière à saint Joseph tirée d'un livre français de dévotions des années 1800, de la Congrégation des

Religieuses de Jésus et Marie, qui exprime dévotion, confiance et un certain défi à saint Joseph : « Glorieux Patriarche saint Joseph dont la puissance sait rendre possibles les choses impossibles, viens à mon aide en ces moments d'angoisse et de difficulté. Prends sous ta protection les situations si graves et difficiles que je te recommande, afin qu'elles aient une heureuse issue. Mon bien-aimé Père, toute ma confiance est en toi. Qu'il ne soit pas dit que je t'ai invoqué en vain, et puisque tu peux tout auprès de Jésus et de Marie, montre-moi que ta bonté est aussi grande que ton pouvoir. Amen ».

[11] Cf. Dt 4, 31 ; Ps 69, 17 ; 78, 38 ; 86, 5; 111, 4 ; 116, 5 ; Jr 31 , 20.

[12] Cf. Exhort. ap. Evangelii gaudium (24 novembre 2013), nn. 88.288.

[13] Cf. Gn 20,3 ; 28, 12 ; 31, 11.24 ; 40, 8 ; 41, 1-32 ; Nb 12, 6 ; 1S 3, 3-10 ; Dn 2 ; 4 ; Jb 33 , 15.

[14] La lapidation était aussi prévue dans ces cas (cf. Dt 22, 20-21).

[15] Cf. Lv 12, 1-8 ; Ex 13 , 2.

[16] Cf. Mt 26, 39 ; Mc 14, 36 ; Lc 22 , 42.

[17] S. Jean-Paul II, Exhort. ap. Redemptoris custos (15 août 1989), n. 8 : AAS 82 (1990), p. 14.

[18] Homélie de la Sainte Messe avec Béatifications, Villavicencio - Colombie (8 septembre 2017) : L'Osservatore Romano, éd. en langue française (14 septembre 2017), p. 12 : AAS 109 (2017) , p. 1061.

[19] Enchiridion de fide, spe et caritate, 3,11 : PL 40 , p. 236.

[20] Cf. Dt 10, 19 ; Ex 22, 20-22 ; Lc 10, 29-37.

[21] Cf. S. Rituum Congreg., Quemadmodum Deus (8 décembre 1870) : AAS (1870-71) , p. 194.

[22] Conc. Œcum Vat. II, Const. dogm. Lumen gentium, n. 58.

[23] Catéchisme de l'Église Catholique, nn. 963-970.

[24] Edition originale : Cień Ojca, Warszawa 1977.

[25] Cf. S. Jean-Paul II, Exhort. ap. Redemptoris custos, nn. 7-8 : AAS 82 (1990), pp. 12-16.

[26] Cf. Gn 18, 23-32.

[27] Cf. Ex 17 , 8-13 ; 32, 30-35.

[28] Conc. Œcum Vat. II, Const. dogm. Lumen gentium, n. 42.

[29] Cf. 1 Co 11, 1 ; Ph 3, 17 ; 1 Th 1 , 6.

[30] Les Confessions, 8, 11, 27 : PL 32, 761 ; 10, 27, 38 : PL 32, 795.

©Copyright - Libreria Editrice Vaticana